**AMASHURI YISUMBUYE**

**IKICIRO RUSANGE**

**UMWAKA WA KABIRI**

**<u>IKIZAMINI K'IKINYARWANDA</u>/30**

a. ***Iki kizamini kigizwe n'ibice bikurikira:***
   - *Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko*
   - *Ikibonezamvugo*
   - *Ubuvanganzo*
b. ***Subiza ibibazo byose wita ku itonde ryabyo, wirinda gusiba kandi wita ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.***

---

**<u>Umwandiko</u>: <u>Ingwize yishe Mutamu</u>**

Umugabo Sehene ya Makuba yari atunze umukumbi w'ihene. Bukeye zimarwa n'impyisi. Asigarana ihene Mutamu imaze icyumweru ivutse. Ashaka kuyireka ngo nayo ipfe, bimwanga mu nda ati: " none nazayifataho ishibu."

Intamenya ntibwira umugenzi. Oya sinakubwira, akora hasi si ukuyirera ! Aranayigaburira,arayahirira akajya kandi ayisasira ahashyushye ! ihene si uguteta iratangaza yibera igitego barayirata. Ikura umunsi hafi y'urugo, akayihozaho ijisho.

Erega bahungu ngo:"nta rutamburira imfusha". Iminsi ihise ari myinshi Mutamu iratekereza iti: ''n'ubu bwiza n'ubu busore n'aya maboko nzemere ndishirize ku murunga nk'ihene ya Mbuzukongira? Cyo da ejo nazavaho nkoboka ijosi, byavugwahe mu banzi? Aho narambiwe guhora hamwe nk'ikimuga, nzaca aha nigendere! Harya ngo ku gasozi haba ikirura kishe bene mama? Se icyandusha amaboko cyaturuka he? Nzagerageza nininanirwa mfe!

Ikora mu gakungugu k' Iki irasara irasizora ikiziriko iragikata. Ngiyo iracura imbimbiri ku mbuga y'igihuru. Buno si ubwatsi ni itetu! Aho ga nari ngiye kuzacika umugongo imburagihe !Ndarisha ubunsumba, uburi hasi mbugire umusego ! Mu kanya gato iba irahaze iti:"Have nge gutambagira igihugu Imana yampaye ureke bwa busa bwa Sehene!" Ikora hino irahindukira, iryama munsi y'igiti gitoshye. Nuko iruza n'umwete n'impore! Uwo munsi wayibereye akataraboneka!

Meee! Meee! Uwo ni nyiri ibyago Sehene wize guhebeba ngo none yamwumva igataha! Mutamu yawe imwumvise akarizo irakanegeza, iti: "nange mve aha! Ariko hari uwakwemera guhora ku ngoyi boshye umugome! Urarushywa n'ubusa Sehene, 'ngo umutima muhanano ntiwuzura igituza'. Nuko nzemere mfungwe peee! Uwabona ngarutse we yagira ngo iki? Nzapfa urundi!"

Huun! Huun! Ihene itangira kubyogabyoga. Dore ishyano. Ibya hano biguruka nta mababa! Itangira gutekereza impyisi. Huun! Huun! Iyo ni gica cy'urukinga n'urutamu ku mugongo! Mutamu ireba hirya no hino, ibura uburyama n'ubuhagarara ubwoba burayisaga isigara ihinda umushyitsi. Huun! Iratitirije amaso atera ibishashi, iteye iyo shashi y'inshirasoni. Nyirashyano itekereza ibyo guhunga isanga bitagishobotse iti: "ahasigaye ni ukurwana". Ngo: "tiku! Tiku!" Rwasakiranye: Ngiryo ihembe ngiryo iryinyo birakururana bibura gica. Isake irinda iyibikiraho, umuseke ureya. Mu rukerera Mutamu iti: "ni uko nabeshyaga n'ubundi nta hene irwanya impyisi, iki cyago cyanyishe."

Ntihagire uririra Mutamu, "uwiyishe ntaririrwa."

## A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO /10

### I. Kumva umwandiko /5

1. Sehene ntiyihebye kuko impyisi zari zamumariye ihene?
   a. Yego b. Oya
2. Icyatumye Mutamu ikura vuba na vuba ni iki ?
3. Mutamu yumvise imerewe ite imaze guca ikiziriko?
4. Mutamu yageze aho itekereza ibyo gutaha. Yabitewe n'iki?
5. Mu mpera y'umwandiko, Mutamu byayigendekeye bite?

### II. Inyunguramagambo /5

1. Umukumbi w'ihene
2. Ishibu
3. Ikura umunsi n'ijoro
4. Itetu
5. Ingoyi

## B. IKIBONEZAMVUGO /16

### I. Shyira izi nteruro mu bihe weretswe mu dukubo. /5

1. Inzu yanyu izubakishwa amabati**. (indagihe y'ubusanzwe)**
2. U Rwanda rwateye imbere cyane**. (indagihe ikomeza)**
3. Ku ngoma ya Kigeli IV Rwabugiri igihugu cyacu **(kuba:impitakera)** kinini.
4. Mudasobwa zacu **(gufasha:inzahato)** kujya kuri murandasi.
5. Aha hantu ni ho Leta **(gutura:inzakera)** abasenyewe n'ibiza..

### II. Utwatuzo /1

1. Mbega inzu nziza
2. Muravuze muti « turashaka insinzi ».

### III. Tanga imbusane z'aya magambo. /3

1. Ahashyushye
2. Databukwe
3. Imanzi

**IV.** **Shaka impuzanyito z'aya magambo. /3**

1. Ikiziriko
2. Ishoka
3. Umushyo

**V.** **Vuga ubwoko bw'aya magambo. /4**

1. **Mutamu** yawe imwumvise akarizo irakanegeza.
2. Have nge gutambagira **igihugu** Imana yampaye.
3. Ikigo **k**'ishuri cyacu ni **kiza.**

**C. UBUVANGANZO /4**

**I.** **Ikeshamvugo /1**

1. Utubere tw'inyongera inka igira tudakamwa batwita…………………

**II.** **Uzuza iyi migani ikurikira /3**

1. Intamenya ntibwira……………………
2. Irya mukuru riratinda…………………………
3. Ifuni ibagara ubucuti…………………………
4. Nta rutamburira……………………
5. Inkware y'inyabugingo…………………..
6. Umutima muhanano…………………………

.